# Jeannette Kagame mu bujura akoresheje restaurant ye yitwa Kasanova

http://www.umuvugizi.com



Jeannnette Kagame arakataje mu gusahura umutungo wa rubanda akoresheje inzira zitandukanye

Nk'uko Umuvugizi wakunze kubagezaho amakuru atandukanye y'ubujura butandukanye bukorwa n'umufasha wa perezida Kagame, noneho twashoboye gutahura ubundi busahuzi simusiga bw'aho restaurant ya Jeannette Kagame Nyiramongi, ari yo Kasanova, yihariye isoko ryo kugaburira abasirikare bashinzwe kurinda umukuru w'igihugu, bazwi kw'izina rya "Presidential Protection Brigade".

Ubwo bujura tukaba twarabuburiye inyito, dore ko bitangaje kubona umufasha wa perezida Kagame yiha isoko ryo kugaburira abasirikare bashinzwe kurinda umugabo we, na we ubwe arimo, ntanagire isoni z'uko rubanda cyangwa abo bashinzwe kuyobora babyakira, aho restaurant ye bwite ari yo yahawe iryo soko, bitananyuze mu mapiganwa.

Ikindi kibabaje kandi kinateye agahinda, ni ukuntu Jeannette Kagame atigeze agira isoni z'uko restaurant ye abo yakira ibishyuza ku biciro bihanitse, ugereranyije n'ibiri kw'isoko, ibi bikaba mu gihe perezida Kagame yirirwa abeshya abanyarwanda n'abaterankunga ko ngo arwanya ruswa.

Twanashoboye kumenya ko na none iyi restaurant ya Jeannette Kagame ari yo yihariye isoko ryo kugaburira abanyeshuri ba Green Hills Academy, ibi na none akaba abikora yishyuza ababyeyi bafite abana biga muri iryo nshuri kandi ku giciro kiri hejuru cyane.

Ubu bujura bukaba bumaze kurenga n'ubwa Grace Mugabe wa Zimbabwe, ku buryo ubujura bwa Jeannette Kagame bumaze kwamamara; abahanga bakaba bemeza ko aza no kw'isonga mu bafasha b'aba perezida babarizwa ku mugabane wa Afurika, basahura umutungo wa rubanda batitaye ku bukene bwabo.

Gasasira, Sweden.